REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

**Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°35/2017:** **Taliki ya 11–20 Ukuboza 2017**

**Ryoherejwe kuwa 22 Ukuboza 2017** **Ref: CB. N°2.12/2017**

**Ingingo z'ingenzi:**

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Ukuboza_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigero cyo hasi mu gihugu hose; uretse mu majyepfo y'Uburasirazuba ndetse n'amajyaruguru y'Uburengerazuba hagaragaye imvura iri ku kigero cyo hejuru.
- Amashusho y'icyogajuru yerekana **ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka** ihuriro ry'imiyaga itanga imvura riri guhindura icyerekezo rikomeza kugana mu majyepfo
- **21-31_Ukuboza_2017;** hateganyijwe **imvura;** ikazaboneka tugana ku musozo w'umwaka, cyane imvura ikazaboneka mu misozi miremire yo mu gice cy'uburengerazuba

## I. Iriburiro

Mu gice cya kabiri cy' Ukuboza_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyagaragaje imvura iri ku kigero cyo hasi mu gihugu hose; uretse mu majyepfo y'Uburasirazuba ndetse n'amajyaruguru y'Uburengerazuba hagaragaye imvura iri ku kigero cyo hejuru

**a)** Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 11-20_Ukuboza_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

**Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)**

| Ubupimiro | 11-20_Ukuboza_2017 | 11-20_Ukuboza |
|---|---|---|
| Kigali | 5.5 | 23.2 |
| Rusizi (Kamembe) | 15.8 | 40.8 |
| Rubavu (Gisenyi) | 33.4 | 29.5 |
| Nyamagabe (Gikongoro) | 31.0 | 46.6 |
| Ngoma (Kibungo) | 32.0 | 22.4 |
| Gicumbi (Byumba) | 5.7 | 28.7 |
| Bugarama | 24.1 | 50.3 |
| Musanze (Ruhengeri) | 0.2 | 26.5 |
| Gitega | 12.8 | 53.8 |
| Rubengera | 12.7 | 43.9 |
| Byimana | 10.4 | 30.4 |
| Kawangire | 7.3 | 29.0 |
| | 1.6 | 26.7 |

Imbonerahamwe ya1




Igishushanyo1

**b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye**: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 11-20_Ukuboza_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Ukuboza_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Ukuboza_2017**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Ukuboza**




**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ukuboza_2017**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ukuboza**




## II. Uko imvura yaguye mu mataliki ya 11-20_Ukuboza_2017 mu buryo burambuye

Mu gice cya kabiri cy' Ukuboza_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyagaragaje imvura iri ku kigero cyo hasi mu gihugu hose; uretse mu majyepfo y'Uburasirazuba ndetse n'amajyaruguru y'Uburengerazuba hagaragaye imvura iri ku kigero cyo hejuru kubera ihuriro ry'imiyaga itanga imvura riri guhindura icyerekezo rikomeza kugana mu majyepfo. Tunabona kandi amajyaruguru atarabonye imvura mu bice byombi (cyane mu majyaruguru y'Uburasirazuba) kubera ingufu nke imiyaga ituruka mu Nyanja ifite bigatuma imvura iba nke (reba **Ikarita1, 2, 3&4** ndetse **n'Imbonerahamwe ya1**)

## III. Ingaruka ku Buhinzi

### a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)




Ikarita5: Ukuboza.2017 igice cya mbere

Ikarita5: Ukuboza.2017 igice cya kabiri

Mu gice cya 2 cy' Ukuboza_2017; amashusho y'icyogajuru yerekana igabanuka ku bubobere bw'ubutaka ihuriro ry'imiyaga itanga imvura riri guhindura icyerekezo rikomeza kugana mu majyepfo rigatuma ikirere u Rwanda ruherereyemo haboneka imvura nke (reba **Ikarita 5&6**)

### b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Ukuboza_2017

Hateganyijwe imvura izaboneka ahagana ku musozo w'umwaka, cyane imvura ikazaboneka mu misozi miremire yo mu gice cy'uburengerazuba

**N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)**